{Kandi rwose, kuri uwo munsi muzabazwa ku ngabire (mwahawe muri ku isi)}

Hadith yaturutse kwa A-Zubayr Ibun Al Awam yaravuze ati: Ubwo hahishurwaga umurongo wa Qur'an ugira uti: {Kandi rwose, kuri uwo munsi muzabazwa ku ngabire (mwahawe muri ku isi)} [Surat A-Takathur:8], A-Zubayr yaravuze ati: Yewe Ntumwa y'Imana, iyo ngabire tuzabazwa ni iyihe, ese ni itende n'amazi? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Bizagenda bityo..."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Tirmidhi na Ibun Madjah]

Ubwo hahishurwaga uyu murongo: {Kandi rwose, kuri uwo munsi muzabazwa ku ngabire (mwahawe muri ku isi)}; bisobanuye ngo: Muzabazwa niba mwarubahirije gushimira Allah kuri izo ngabire yabahundagajeho. A-Zubayr Ibun Al Awam (Imana imwishimire) yarabajije ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ni iyihe ngabire tuzabazwa? Ese ni ingabire ebyiri ari zo tende n'amazi?! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Muzabazwa kuri buri ngabire mufite harimo n'izo, kuko nazo ni mu ngabire za Allah Nyir'ubutagatifu.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65075